

ISABUKURU Y'IMYAKA 33 BIKIRA MARIYA AJE KUDUSURA I KIBEHO

28 UGUSHYINGO 1981 - 28 UGUSHYINGO 2014.

Bavandimwe muteraniye hano n'abandi mwese mwifataniye natwe hirya no hino ku isi,

Mbere yo kugira icyo mbabwira, ndagira ngo mumfashe gushimira byimazeyo aba basaserdoti bateraniye hano, bigomwe ibyabo byose, bakemera kuza kudufasha gutura Igitambo gitagatifu cya misa.

Dushimire abaririmbye : Amajwi yanyu yatwumvishije ko n'abamarayika n'abatagatifu mwari kumwe muhanika.

Abagize umuryango w'inshuti za Bikira Mariya w'i Kibeho, bantumye ngo barashimira abavandimwe mwese mwaje kwifatanya na bo kwizihiza uyu muni w'Umubyeyi Bikira Mariya.

Twahagurukijwe twese no kuza gusingiza Uhoraho ku buntu buhebuje yatugiriye, ubwo ijuru ryafungukaga, maze Umwana w'Imana, Yezu Kristu, n'Umubyeyi we, Bikira Mariya, bakaza kutugenderera i Kibeho.

Iwacu iyo twishimiye abaturuta, tubakomera amashyi, ababyeyi bakavuza impundu !

Koko rero, kuwa gatandatu itariki ya 28 Ugushyingo 1981 (28.11.1981), i Kibeho mu ishuri ryisumbuye ry'abana b'ababakobwa, isaa sita n'igice z'amanywa, bari mu nzu bariragamo, umwe muri bo, ALPHONSINA MUMUREKE, wigaga mu wa mbere, yumvise afite ubwoba bwinshi bugenda buvanga n'ibyishimo. Mu kanya gato yumva ijwi rimuhamagara ngo « Mwana wanjye ! ». Aritaba. Arebye, abona ni Umugore mwiiiza. Bwa bwiza atigeze abona na rimwe !

Alphonsina aherako amubaza, ati « Wa Mugore we uri nde ? ». Uwo mubyeyi aramusubiza ati : « NDI NYINA WA JAMBO ». Alphonsina afatwa n'ingufu zidasanzwe. Atera intambwe agenda amusanga. Ageze imbere ye, arapfukama ateze amaboko, akora ikimenyetso cy'umusaraba.

Alphonsina ngo ntiyashidikanya ko ari Bikira Mariya ariho abona !

Yasobanuye uko yamubonye ati : Bikira Mariya ambonekera, ntabwo yari umuzungu nk'uwo tumenyereye kubona ku mashusho. Sinashobora gusobanura ibara ry'uruhu rwe. Yari afite ubwiza butagereranywa. Nta nkweto yari yambaye, Ikanzu ye yasaga n'umweru kandi ntaho idoze. Yambaye ivara ry'ubururu rihishe imisatsi yose kandi inyuma rikagera ku birenge. Yari ahagaze, abumbiye ibiganza bye mu gituzo kandi intoki ze zitunze ku ijuru.

Alphonsina ati : icyo gihe, nta muntu n'umwe wundi nabonaga, nari nzi ko ndi kumwe na Bikira Mariya twenyine.

Baraganiriye, Bikira Mariya amubaza icyo akunda mu by’Imana. Alphonsina amusubiza ko akunda Imana n’Umubyeyi w’Imana watubariye Umukiza. Bikira Mariya aramubaza ati : « Ni ukuri ? » Alphonsina arasubiza ati : « Ni ukuri. » Bikira Mariya aramubwira ati : « Niba ari uko bimeze, reka nkubwire : numvise amasengesho yawe . Ariko ndashaka ko bagenzi bawe bagira ukwemera kuko kugeza ubu abenshi muri bo ni abemeragato ».

Alphonsina ashimira Bikira Mariya ati : Jyewe Alphonsina ndagushimiye kuko wowe Mubyeyi w’Imana ubashije kunyiyereka kandi hano mu ishuri turi abemeragato ariko wowe uradukunda ».

Abonye Nyina wa Nyagasani agiye kugenda, avuga Ndakuramutsa Mariya eshatu n’isengesho « Ngwino Roho Mutagatifu » ni uko abona Bikira Mariya azamutse hejuru nka Yezu, aragiye.

Uwo Mubyeyi rero yagarutse inshuro nyinshi kugenderera Alphonsina ariko noneho akajya amusanga mu nzu bararagamo kandi n’ijoro.

Abantu bageze aho babwira Alphonsina gusaba Bikira Mariya ko yajya amubonekerera ahandi hagutse kuko byabangamiraga abanyeshuri mu nzu y’uburyamo.

Bikira Mariya yarabimwemereye, maze guhera ku itariki ya 16 Mutarama (ukwezi kwa mbere) 1982, atangira kujya amubonekerera ku kibuga naho mu nzu y’uburyamo, akahamusanga na bagenzi be n’ijoro.

Alphonsina asaba Bikira Mariya ko yazakwiyereka n’abandi kugira ngo ukuza kwe bakwemere.

Bikira Mariya bidatinze yiyereka n’abandi bana bo muri icyo kigo ndetse biza kugera no ku bandi bo hanze y’iryo shuri.

.Abigaga muri icyo kigo ni :

- Alphonsina Mumureke
- Nataliya Mukamazimpaka na
- Mariya Klara Mukangango

.Abo hanze ya Koleji twavugaga :

- Valentina Nyiramukiza na Stefaniya Mukamurenzi bigaga mu mashuri abanza aho i Kibeho
- Emmanueli Segatashya : umupagani utari warakandagiye mu ishuri cyangwa ngo afate inzira igana Kiriziya
- Anyesi Kamagaju (mukuru) : yari yarize amashuri abanza gusa
- Vestina Salima : yari yarishakiye batisimu mu gatolika aho yigaga kuko ababyeyi be bari abayisumu.
- Yozefa Mukamana : yari umunyeshuri ugeze mu wa 6 w’amashuri abanza
- Bernadeta Mukantabana : umupagani utari yakabatizwa akaba yari yariswe Speransiya n’ababyeyi be mbere y’uko bapfa. Bikira Mariya yaje kumusaba kwigira batisimu, yazabatizwa akitwa Bernadeta.
- Elizabeti Yankurije : umwana muto w’imyaka cumi n’itatu. Ababyeyi be bari abaporoso.
- Anyesi muto : ni we muto muri bose, yari afite hagati y’imyaka cumi n’ibiri na cumi n’itatu.

I Kibeho, abagaragayeho ibimenyetso byo kubonekerwa babaye benshi cyane ku buryo barengaga 20.

Abantu benshi bahagurukira kujya i Kibeho kwirebera ibihabera no kwiyumvira ibihavugirwa.

Ibimenyetso bidasanzwe birahagaragara, ndetse n'ibitangaza birisuka.

Dore bimwe na bimwe muri byo :

- Uburemere bw'abana bari mu kubonekerwa bakananirana kuvanwa aho bari
- Kujyanwa n'ab'ijuru basinziriye bakerekwa mu ijuru, mu muriro no mu purgatori
- Kwerekwa ibizaba biteye ubwoba: abicana, intambara, amaraso ameneka, n'ibindi
- Izuba ryikaraga rinatitira.
- Ababonekerwa bavuga indimi nyinshi n'izo batari bazi
- Ibimenyetso binyuranye byagaragaraga mu bicu : Yezu abambye ku musaraba, ikizingo cy'amahwa, Bikira Mariya, Intama, Umutima wa Yezu n'uwa Bikira Mariya,
- Ukaristiya yiyerekanye hejuru y'igicu cy'umukara, kure y'aho izuba riri ngo batabyitiranya
- Ukaristiya yamanukiye mu biganza by'umwana urimo kubonekerwa
- Ubonekerwa ahazwa ku rurimi nta muntu ugaragara umuhagije
- Amavuta afite umubavu uhumura cyane akavubuka mu kiganza kimwe cy'ubonekerwa, abenshi bakanayasigwaho, bakanayahumurizwa
- Guteranya ishapule yacikaguritse batareba
- Alphonsina Mumureke yahawe umushumi w'ubururu n'ururabo
- Vestina Salima yahawe inkoni
- Valentina Nyiramukiza yahawe umusaraba
- Abana bahura n'ububabare bunyuranye mu mibereho yabo
- Gusiba kurya no kunywa iminsi myinshi n'imibabaro ibiherekeza
- Amasengesho menshi basabwa kuvuga n'ijoro bukabakeraho bataryamye. Ubundi bakajya kuyavugira hanze hateye ubwoba nko mu ishamba n'ibisimba bikahabasanga
- Kujyana ubutumwa aho batazi bagomba kuvuga mu ndimi z'aho bagiye batari bazizi
- Rimwe na rimwe abo bashyiriye ubwo butumwa ntibabwakire, N'ibindi n'ibindi.

Ubutumwa mu mabonekerwa

Buri mwana yahabwaga ubutumwa n'umubonekera : ari ubwe bumureba buvugiye ku mugaragaro uretse ko akenshi yabwirwaga mu ibanga ibimureba. Ari ubureba abantubari aho, ari ubureba abantu bose n'ab'isi yose cyangwa se abantu bamwe na bamwe (urubyiruko, ababyeyi, abashakanye, abatandukanye, abihayimana, abategetsi, abarezi, abaje mu mabonekerwa baturutse mu bindi bihugu cyangwa mu turere dutandukanye, abacamanza, abasirikare,...). Hakaba n'ubwo umwana atumwe mu ibanga ku muntu utanahari, akazajya kumureba amushyiriye ubutumwa bw'ab'ijuru.

Dore bumwe muri ubwo butumwa :

Alphonsina Mumureke : guhinduka, kugira ukwemera, gusenga nta buryarya kandi ubutitsa. Gukunda Bikira Mariya nk'umubyeyi, kuvuga rozari, guhazwa, kwicisha bugufi no gukunda mugenzi wanjye, kwihana, kwizera Uhoraho, gukurikiza Ivanjili y'Umwana

we, Yezu. Kwemera imibabaro mu guheka imisaraba twishimye, gufatanya imibabaro yacu n'iya Yezu tukayiturira hamwe, dushyire imbere ugukizwa kwa roho aho kwita ku gukizwa k'umubiri. Abihayimana bakomere ku masezerano yabo, abasaserdoti biturane n'igitambo cyabo cya Misa, urubyiruko rwite ku buzima bwarwo kandi rukomere ku kwemera, abategetsi bakire bose batarobanura, bagaburire bose, ntibice, ntibatoteze kandi bubahirize amategeko y'ikiremwa muntu. Imiryango irangamire umuryango mutagatifu w'I Nazareti mu bihe bikomeye kuko na wo wabayeho mu bukene. Abahanga bokoreshe ubwenge bafite mu kurengera abandi ntibirengagize ko ubwenge bahawe ari ubwo kubageza ku Kuri nyako, Imana.

Nataliya Mukamazimpaka : kwicisha bugufi, kuboneka aho bagukeneye, kwitanga, urukundo no kwinjira mu isengesho, ukwihana, ubwiyunge, ukwibabaza, imibabaro ni isoko y'ubwitagatifuze, akora iminsi myinshi yo kutarya no kutanywa, kugirango yifatanye na Yezu, igice kinini cy'ubuzima bwe azakibaho mu mibabaro. Yasabwe gutura i Kibeho akazajya yakira abaje gusenga.

Maria Klara Mukangango : Kugarura ishapiro y'ububabare burindwi no kuyubahiriza. Kuvuga no gutekereza kuri rozari, gutekereza ku mibabaro ya Yezu na Bikira Mariya mu gucungurwa kw'ikiremwa muntu. Kwihana, igihe cyose kubaho mu busugi.

Valentina Nyiramukiza : ukwitsinda, isengesho nyaryo, ukwiyoroshya, urukundo rudatoranya, gufasha abarwayi, abakene n'impfubyi, gusengera amasandi (abakritika iby'Imana) ubwiyunge, kwihana no kwibabaza, inyota y'Imana, gukenera ingabire za Roho Mutagatifu, ububasha bwo kwirukana amashitani, imibabaro ikomeye ngo ahongerere ibyaha by'abantu kandi ngo afashe Yezu gukiza isi, gusoma mu mitima y'abantu, buri mwaka mu kwezi kwa gatatu, akora igisibo gikomeye cy'iminsi cumi n'ibiri atarya, atanywa n'imibabaro myinshi ibiherekeza. Ni we bucura mu babonekewe i Kibeho kuko bose basezeweho akaba ari we kugeza none, ukibonekerwa ku mugaragaro na Bikira Mariya .

Stefaniya Mukamurenzi : kwicuza, guhinduka, kwicisha bugufi, kuboneka igihe cyose ukenewe, isengesho ry'ukuri kandi nyaryo, ubwitagatifuze, gusabira roho zo mu purgatori.

Emmanueli Segatashya : Kwigisha ivanjili, kwigisha ku muni w'imperuka : umuni wo kugaruka kwa Yezu ariko n'umuni wo gupfa wa buri muntu, gutegura urupfu wubahiriza amategeko y'Imana, gushyira mu bikorwa icyo isengesho rivuga, gukunda, guhabwa penetensiya no kubaho mu butagatifu, gukunda Imana, ubusugi mu rubyiruko, kubahiriza isakramentu ryo gushyingirwa, gukunda Umubyeyi wa Yezu, Bikira Mariya. Yasobanuye abantu babiri bagowe igihe cy'ukugaruka kwa Yezu, ati : « Hagowe abazaba bonsa ibyaha n'abazaba batwite ibyaha ».

Anyesi Kamagaju : uguhinduka kw'imitima, isengesho ry'ukuri kandi nyaryo, ukwemera Imana by'ukuri, kuva mu byaha, kuvuga ukuri, gukomeza inzira imwe iganisha ku Mana.

Vestina Salima : Gusobanura ivanjiri, kuva inyuma y'umukiro w'isi, kumenya ko turi abagenzi hano kw'isi, gutegura ukugaruka kwa Yezu, kwicisha bugufi, kuboneka igihe cyose bagukeneye, ukuri mu isengesho, kwemera umusaraba wa buri muni twifatanije na Yezu, guharanira kuzagera mu ijuru, imbabazi z'ibyaha mu isakramentu rya penetensiya.

Anyesi muto : Ugusenga, ukwihana no gufasha Yezu gukiza isi. Yihaniza amabandi, abantu b'incakura, abateka imitwe bakarya abandi.

Jozefa Mukamana : kuvuga rozari buri muni no kuyigisha aho Bikira Mariya yamwohereje hose, gusiba kurya no kunywa, kuzirikana ububabare bwa Yezu akamenya Umusaraba Mutagatifu icyo ari cyo. Gutungwa n'Ukaristiya mu gisibo, kwegera Umubyeyi wa Yezu tukamubwira ibyo dushaka nta kumusubiza inyuma, gusaba imbabazi igihe cyose,

Bernadeta Mukantabana : guhabwa batisimu, kugenda kwigisha ivanjiri mu karere gatuwe cyane n'abayisumu n'aba protestanti.

Elizabeti Yankuriye : kubabara ahongerera ibyaha by'abantu benshi batabyibuka, guhongerera roho zo mu purgatori, gusenga asabira abantu, gusubira mu mategeko y'Imana no kuyakurikiza, kwitabira ubutumwa bwa Bikira Mariya, gusenga abantu babishyizeho umwete kwegera Yezu mu Ukaristiya, gushengerera no gukora inzira y'umusaraba ku wa gatanu.

Twibukiranye ko Bikira Mariya yatubwiye ku mugaragaro ati :

“Nababwiye ko icyanzanye ari UKURI,

icyanzanye ni uko ABANTU BAGENDERA MU KINYOMA.

Nazanywe no kugirango BURI MUNTU WESE AKUNDANE NA MUGENZI WE.

Nazanywe na ROHO ntabwo nazanywe n'iby'isi.

Ati : “Buri muntu wese ni intumwa yanjye kuko ari cyo cyazanye n'Umwana wanjye kw'isi; kuko ari cyo cyanzanye.

Ni yo mpamvu nababwiye ko naje kwiyunga n'abanyabyaha b'isi yose kugira ngo bakizwe....

Niyo mpamvu naje kubagenderera kugirango nanjye mumfashe, dufatanye, dufashanye, twunge urunana, maze twubake rwa rukiramende...”.

Ati : “Mbafiteho umugambi : Umugambi wo kubaka,

Umugambi wo gukora ibikorwa byiza,

Umugambi wo guherekezanya

N'Umugambi wo kuganira....”.

Ati : “**ARIKO ICYANZANYE SINDAKIGERAHO !**”.

Haje kumenyekana ko muri abo bana bamwe babonaga Bikira Mariya, abandi bakagendererwa n'Umucunguzi wacu, Yezu Kristu. Ndetse haboneka n'abagize amahirwe yo kubonekerwa na Yezu na Bikira Mariya bombi kuko buri mwana ni we wasobanuraga uwo abona uwo ari we n'uko yiyita :

Urugero :

Alphonsina Mumureke : Ndi Nyina wa Jambo

Valentina Nyiramukiza : Ndi Umubyeyi wo mu ijuru waje kwiyunga

| | |
|----------------------------|---|
| | n'abanyabyaha b'isi yose ngo bahinduke |
| Stefaniya Mukamurenzi : | Ndi Umubyeyi wo mw'ijuru |
| Emmanueli Segatashya : | Ni Yezu ugutumye |
| Anyesi Kamagaju (mukuru) : | Ndi Umubyeyi wo mu Ijuru. Mariya utarasamanywe icyaha |
| Yozefa Mukamana : | Ndi Umwamikazi wa Rozari |

IGIHE BAMAZE BABONEKERWA N'AMAKURU YABO YA NONE

| | |
|------------------------|--|
| Alphonsine Mumureke | : 28/11/1981 – 28/11/1989 Ni umubikira aba mu Butaliyani |
| Nataliya Mukamazimpaka | : 12/01/1982 – 03/12/1983 Aba i Kibeho ku gicumbi yakira abahaje |
| Maria Klara Mukangango | : 02/03/1982 – 31/05/1983 Yitabye Imana mu ntambara y'U Rwanda muri 1994 |
| Valentina Nyiramukiza | : 20/03/1985 - 20/03/1992 (Yezu) 15/05/1982 – kugeza ubu (Bikira Mariya) Atuye I Bruseli mu Bubiligi |
| Stefaniya Mukamurenzi | : 25/05/1982 – 15/09/1982 Nta makuru ye tuzi |
| Emmanueli Segatashya | : 02/07/1982 – 02/07/1983 Yitabye Imana mu ntambara y'U Rwanda muri 1994 |
| Anyesi Kamagaju | : 04/08/1982 – 29/08/1983 Yarashyingiwe, aba mu Rwanda |
| Vestina Salima | : 15/09/1982 – 24/12/1983 Yitabye Imana |
| Yozefa Mukamana | : 07/03/1983 - 15/05/1990 (Yezu) .././.... - 15/08/1990 (Bikira Mariya) Yarashatse, atuye mu Rwanda |
| Bernadeta Mukantabana | : .././...- .././... 15/08/1990 nibwo yari gusezerwaho i Kibeho Yitaba Imana mbere kuri 13/05/1990 muri Vunga aho yari amaze imyaka itanu. |
| Elizabeti Yankurije | : 05/11/1982 – 15/08/1985 Aba mu Rwanda. |

Ababonekerwaga bose barasezerewe, hasigara uwo Bikira Mariya yabwiye ko amugize “bucura bwe”, ko ari we uzasigara ku ibere. Uwo ni Valentina Nyiramukiza, ukibonekerwa na Bikira Mariya ku mugaragaro kugeza na n’ubu. Yezu we yamusezeyeho kuri 20.03.1992 bitabuza ko akimugenderera mu ibanga (en privé).

URUHARE RWA KIRIZIYA GATORIKA

Na Kiriziya ntiyasigaye inyuma. Yashyizeho abahanga b’abaganga n’abahanga b’iyobokamana mu idini gatorika babikurikiranira hafi bakazayihira umwanzuro.

Imyanzuro ya mbere batanze irasuzumwa, maze hemezwa ko amabonekerwa y’i Kibeho ari ukuri

Ubwo icyemezo kirafatwa cy’uko abantu batangira kujya baza i Kibeho kuhasura no kuhasengera (pèlerinage).

Kuri 29/06/2001, Kiriziya y’I Roma iyobowe na Papa Yohani Pawulo wa kabiri itangaza icyemezo cyafashwe na Musenyeri Misago wayoboraga diyosezi ya Gikongoro.

Yemezaga ko ari ukuri ko Bikira Mariya yaje i Kibeho akiyereka ba bana batatu ba mbere, ari bo Alphonsina Mumureke, Nataliya Mukamazimpaka na Mariya Klara Mukangango.

Kuri 15/09/2001, mu misa yo gutangaza ibyemewe na Papa, umukuru w’inama nkuru y’Abasenyeri bose mu Rwanda, akaba n’Umuyobozi mukuru wa ba bahanga bashinzwe gukurikirana iby’ayo mabonekerwa ya Kibeho, ari we Musenyeri Frederiko Rubwejanga, yabwiye abari aho ati : Ni abo batatu Musenyeri wa Gikongoro yemeje kandi baraduhagije. Ati ariko, bitavuga ko hatari n’abandi bana baba barabonekewe.
Icyi ngombwa ni ukwemeza ko Bikira Mariya yabonekeye i Kibeho !

Hibagirana kwemezwa ko na Yezu yaje i Kibeho.

Abakristu bazaga mu mabonekerwa i Kibeho barabyemeza kuko na **Nataliya Mukamazimpaka wo muri bariya batatu, ni we yabaye uwa mbere mu babonekewe na Yezu ku mugaragaro i Kibeho.**

MU NCAMAKE

N’iki cyahagurukije Ab’ijuru bakaza kutugenderera ?

Ibiganiro Bikira Mariya na Yezu bagirana n’uwo babonekera, bashaka ko bimenyekana birumvikana kuko bavugira ku mugaragaro.

Ni **ubutumwa** bunyuranye, n’**inama** batugira, n’**ibyifuzo** batugezaho ndetse ibyo babonye tutumvise neza, bakabidusobanurira .

Batubwiye ko ari nta gishya batuzaniye, ko byose biri mu Gitabu Gitagatifu : Bibliya.

Ubutumwa bwabo, buvugwa mu **magambo**, mu **ndirimbo** zisanzwe zizwi n'inshyashya bagiye biyigishiriza abo babonekera bakabasaba no kuzazigisha abandi. Ntibibagiwe no kuducira amarenga bavugira mu **migani**

Batuzaniye Urukundo,
Badusaba urukundo
Badusaba isengesho rizira uburyarya, rivuye ku mutima, rikera imbuto nyinshi
Badukangurira kwemera, kwizera no kugira ukuri
Badutuma ku bandi ngo dufatane urunana, tugendere hamwe ntawe dusize inyuma.

UMWANZURO

Nka Alphonsina, muze natwe dushire ubwoba, twitabe twishimye Yezu na Bikira Mariya baduhamagara. Bari hano, batugendereye, nta gushidikanya !
Ibanga ryabo bararidutangarije : **Yezu na Nyina ntibatandukana bibaho !**

Munkundire, ndangize mbisabira : Alphonsina twizihiza umunsi we none, tumuhe impano yamunyura ikazamufasha kuzuza ibyo yasabwe, akabyemera.

**BURI MUNSI TUZAJYE TUMUTURIRA
IKIMENYETSO CY'UMUSARABA**

Ndashimiye kandi mbifurije kugira

UMUNSI MUKURU MWIZA !

Ntaramuka Kandida.

Twifashishije :

- Ibitabo bya Dominiko Makeri : Mwagiye kureba iki I Kibeho ?
Ibyabaye I Kibeho ntimuzabibarirwe
- Igitabo cya B.M. Rutagarama : Yezu na Bikira Mariya I Kibeho
- Inyandiko zinyuranye z'amabonekerwa ya Kibeho.